UMUNSI MUKURU W'UBUTATU BUTAGATIFU

Imig 8, 22-31; Rom 5, 1-5; Jn 16, 12-15

Kuri iki cyumweru, turahimbaza umunsi mukuru w'Ubutatu Butagatifu, turazirikana ko Imana ari imwe Rukumbi mu butatu: Imana Data, Imana Mwana n'Imana Roho Mutagatifu. Ni abatatu badatana basangiye kamere Mana. Mu mateka y'ugucungurwa kwa Muntu, Imana yagiye yihishurira abantu ikagenda ibiyereka buhoro buhoro ibasangiza amabanga yayo, yiyerekanye mu Butatu Butagatifu. Turashimira Imana yahisemo kudusangiza ku butagatifu bwayo kandi turi abanyabyaha.

Ibi bitubera amayobera: amayobera si ibintu umuntu adashobora kumva, ahubwo ni ibintu dushobora kumva buhoro ntitubiheze ngo tubive imuzi, nk'uko iyo ubonye ikirwa mu mazi ubona igice cyo hejuru ariko munsi nturebemo ntumenye uko hameze, niko n'amayobera ameze, ubona ibikorwa Imana agenda ikora, ukayibona mu biremwa byayo, uko Igenda yigaragaza ariko ntushobora kuyimenya ngo uyiheze ibyo bikatubera amayobera.

Abantu b'ubu ntibashaka kwinjira mu bintu bibamena umutwe, barashaka kumva ibintu byose bakoresheje ubwenge bwa muntu kandi bucirirtse cyane ubugereranije n'ibikorwa by'Imana, kandi rwose ku Mana ibyo bidashoboka.

Harimo abumva ko Imana ari nk'umuntu ufite umubiri, ibyo ni ukwibeshya, Imana ntifatika, ntibonwa n'amaso yacu y'umubiri nk'uko Ivanjili ya Yohani ibivuga: *Ntawigeze abona Imana na rimwe, umwana w'ikinege uba muri se niwe wayimenyekanishije (Jn 1, 18).*

Ntabumenyi bukomeye rero twagira bwadufasha kumenya neza Imana keretse urugendo tugomba gukorana na yo, tumurikiwe n'Ijambo ryayo, ibikorwa byayo kandi tukifashisha amateka ya buri muntu ku giti cye.

Mu buryo bwo kuducungura, Imana yiyerekanye mu Butatu Butagatifu. Mu mateka y'agakiza ka muntu, **Imana Data yaremye Ijuru n'isi, Mwana araducungura Roho Mutagatifu aradutagatifuza**. Ariko muri buri gikorwa cy'ugucungurwa, Ubutatu butagatifu buragaragara. Mu iremwa, ni ubutatu bwabikoze, ni ubutatu bwaje muri twe muri Yezu Kristu kandi ni ubutatu budutagatifuza muri Roho Mutagatifu.

Aya mayobera y'Ubutatu agaragara buhoro buhoro mu mateka y'ugucungurwa kwa muntu kuva mu iremwa ry'ibiriho, isezerano Imana yagiranye na Abrahamu, urugendo yakoranye n'umuryango wa Israheli byose byuzurizwa mu rupfu n'izuka rya Kristu watwitangiye maze amaze gusubira mu Ijuru atwoherereza Roho Mutagatifu. Muri ayo mateka yose, Hamwe tubona amazina anyuranye aganisha k'ukumvikanisha ibikorwa by'Imana: hamwe bayita Malayika w'Uhoraho (Mala Ak Yahwe mu Gihebureyi), ahandi bavuga **ubuhanga** (Hokmah), ahandi ni Roho wa Nyagasani (Ruah) n'ahandi Jambo w'Imana (Logos mu Kigereki).

Mu mavanjili nyabutatu (Evangiles Synoptiques: Matayo, Mariko na Luka), tubona ahantu habiri hatwereka ubutatu Butagatifu:

-Batisimu ya Nyagasani (Mt 3, 13-17; Mc 1, 9-11; Lc 3, 21-22): Yezu yamaze kubatizwa na Yohani, avuye mu mazi abona Ijuru rirakingutse, Roho amumanukiraho asa n'inuma, ijwi riva mu Ijuru riti: uyu ni Umwana wanjye nkunda cyane nimumwumve.

-Yezu yihindura ukundi (Mt 17, 1-8; Mc 9, 2-8; Lc 9, 27-37) : haje igicu kirabatwikira havamo ijwi riti: uyu ni umwana wanjye nkunda cyane nimumwumve.

Mu isomo rya mbere, umwanditsi aratangarira ubuhangange bw'Imana, uko yaremye byose, cyane cyane Ubuntu yahanganye umuntu maze akabibonamo ubuhanga bityo akavuga ko Imana yaremye byose iri kumwe n'ubuhanga. Ibi biradufasha gutangarira ubuhanga bukomeye Imana yaremanye ibintu byose, bityo bitume dukunda kandi twubaha ibiremwa by'Imana cyane cyane umuntu dore ko urukundo Imana yamukunze rukomeye kuko yemeye gutanga umwana wayo maze akatumenera amaraso nk'uko tubisanga mu isomo rya kabiri ryo mu Ibaruwa Pawulo Mutagatifu yandikiye Abanyaroma bityo Pawulo akatubwira ko amahoro tuzayabonera muri Kristu wazutse, yambaye umubiri nk'uwacu ntiyagira icyo atwitandukanyaho keretse icyaha nk'uko Ivanjili ibitubwira: Imana yaje kubana n'abantu, ihora itwitayeho. Uru rukundo Imana yadukunze ikemera gusa natwe ndetse ikatwitangira, rudutere natwe gukunda abandi bantu bose ntavangura rishingiye kucyo ari cyo cyose.

Icyo twakwigira kuri uyu munsi, ni ukumenya gufatanya no gushyira hamwe Imana mu butatu butagatifu iraturema, ikaducungura kandi ikadutagatifuza. Natwe turasabwa kwibumbira hamwe mu mirimo yacu yo mu rugo tukigana Imana dushyira hamwe muri byose. Iyo umuntu ashatse gukorera ukwe, yitandukanyije

n’abandi ntacyo ageraho ariko iyo bashyize hamwe bagera kubintu bikomeye. Ibi ntibivuze ko Imana ari eshatu, ahubwo ni Imana imwe mu butatu: Imana Data yaremye, Mwana araducungura na Roho Mutagatifu aradutagatifuza ariko muri ibyo byose uko ari bitatu, Ubutatu Butagatifu bwari buhari.

Kuri iki cyumweru dusabe Imana iduhe kunga ubumwe duhereye muri twe ubwacu kuko umuntu umwe ashobora kwigiramo ibitekerezo binyuranye agashaka gukorera Imana na sekibi icyarimwe, umuntu akavuga ko ari umukristu ku rundi ruhande ugasanga ni uwa mbere mu kubiba amacakubiri, ugasanga yabaye igikoresho cya shitani yigira indakoreka. Nituramuka twunze ubumwe muri twe ubwacu mbese mu mutimanama wacu bizadufasha kunga ubumwe n’abandi. Nk’uko biri mu ntego ya Sinodi idasanzwe ya Diyosezi ya Nyundo, twongere tugire tuti: Ubukristu bugomba kutubyarira ubuvandimwe nyabwo, twarabyiyemeje.

Ubuvandimwe dufitanye kubera ko dufite Imana ho umubyeyi, budutere gukorera hamwe no kugirana inama, budutere gufatanya mu buzima, naho bitabaye ibyo bamwe bakaba ba nyamwigendaho, dutagaguza imbaraga zacu muri byinshi maze ntitugire icyo tugeraho. Hari umuntu wari uri kubaka inzu, kuko yari yizeye imbaraga ze gusa ngo ntamuntu wamufasha, yatangiye ajya kwikorera amabuye mu kabande ari bwubake inzu mu mpinga, ayo mabuye ntiyashoboraga kugabanywamo ibice byinshi ngo abone uko ayatwara. Yafashe irya mbere, ararisunika yenda kurigezayo rirahirimanga risubira aho yarikuye bimubaho inshuro nyinshi arinda asaza ataratangira ya nzu.

Natwe ni kenshi twibwira ko turi gukora ariko kubera kutumva inama z’abantu no kuba ba nyamwigendaho, ntitugire icyo tugeraho kandi twavunitse. Twanga gushyira hamwe ngo turishoboye ahubwo tugashaka kubaho mu bushyamirane. Nyamara ubushyamirane ntacyo bwatugezaho, kuko iyo abantu babaho mu gahimane byanze bikunze bose baba bari gutakaza byinshi kandi ntibagire icyo bageraho. Imana tuvuga uyu munsi mu Butatu rero ntitwayibwirwa n’abandi ahubwo turayibonera mubyo yaremye no mubyo idukorera, hirya y’ibigaragara shaka ukuri bishushanya urahasanga inyamibwa.

Nyagasani Yezu nabane namwe!

Padiri Emmanuel BAMPORINEZA